**Kontakt:** Meinolf Wacker
Kirchplatz 7
59174 Kamen

*Mobil.:* +49-172-5638432
*Mail:* meinolf.wacker@go4peace.eu
*Homepage* www.go4peace.eu

*Ukuboza 2023* *ikinyarwanda*

# Tanga igisubizo cyawe!

## Urankunda?

(Yoh 21,16)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Kenshi ubuzima budusaba budutunguye gutanga urukundo rwacu. Urugero umwana yituye hasi, ararira arerabana impuhwe asaba ubutabazi. Impunzi ikugeze imbere isaba icyangombwa. Ntiyumva ibibazo umubaza. Umuntu usabiriza akomanze ku muryango wacu. Umumama warwaye utagishoboye kwita ku bana be. Umuntu arazenguruka mu muhanda ubona ko hari icyo ariho ashaka. Umubano w'abantu babiri wajemo agatotsi none bombi basigaye mu bwigunge.

Iyo ubuzima budushyize imbere ibihe nk'ibyo, buba budusaba ku buryo bufatika kugira igisubizo cy'urukundo dutanga. Mba mpamagarirwa gutanga umusanzu wanjye ndetse no kwitanga uko nshoboye. Petero intumwa yagiye atsindwa kenshi mu bihe bitandukanye by'ubuzima bwe. Yihakanye Yezu ubwo yari mu bihe bikomeye. Ariko ubuzima bwarakomeje ndetse bumuha andi mahirwe n'ibindi bihe ubwo Yezu wazutse yamubazaga ati: Urankunda? Ni uko yongera kubona andi mahirwe. Abwira Yezu ati: „Urabizi ko ngukunda!“

Umunsi umwe nariho ntekerereza urugo rw'abashakanye uburyo ibiceri mba mfite mu ikofi yanjye binyibutsa iteka ko mu buzima urukundo ari rwo rwonyine rutanga agaciro nyako! Hamwe n'urubyiruko dukorana kenshi na kenshi twigeze kwiyemeza ukwezi kose kujya dutanga iyero rimwe igihe cyose tunyuze mu bihe biduha amahirwe yo kwakira urukundo nyarwo. Igihe kimwe umugore umwe yarandebye amwenyura arambwira ati: “Urabizi, uyu munsi mu gitondo aho nkora kwa muganga nari kumwe n'umurwayi urembye cyane mbese wabonaga ko ntacyo agishoboye. Ubwo namusezeragaho yishatsemo imbaraga akora mu isakoshi ye ampa amayero abiri. Yayampaye agira ati: ‘Sinshaka kukwishyura! Utu duceri ni utwo kugutera ishaba!’ Numvise mu by'ukuri uburyo uwo murwayi yashakaga kunshimira!” – **Nawe tanga igisubizo cyawe!**

Ku bw‘itsinda go4peace Meinolf Wacker